# Nzi ijambo rimwe aramutse arivuze, biriya byamubayeho byarangira, aramutse avuze ati: Nikinze kuri Allah ngo andinde Shitani, biriya byose byamubayeho byahita bishira

Hadith yaturutse kwa Sulayman Ibun Swuradi (Imana imwishimire) yaravuze ati: Nari nicaye hamwe n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), hari abagabo babiri bari gutukana, umwe uburanga bwe bwatukuye, imitsi yareze, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: Nzi ijambo rimwe aramutse arivuze, biriya byamubayeho byarangira, aramutse avuze ati: Nikinze kuri Allah ngo andinde Shitani, biriya byose byamubayeho byahita bishira." nuko baramubwira bati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ikinge kuri Allah ngo akurinde Shitani," nuko arababaza ati: Ese nasaze?

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Abagabo babiri baratukanye imbere y'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), kugeza ubwo umwe muri bo atukuye uburanga, ndetse n'imitsi ikikije ijosi rye irarega Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iravuga iti: Njye nzi ijambo yavuga buriya burakari bwose bukarangira, aramutse avuze ati: Nikinze kuri Allah ngo andinde Shitani wavumwe. Nuko baramubwira bati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: Ikinge kuri Allah akurinde Shitani. Nuko aravuga ati: Ese ndi umusazi?! Acyeka ko nta wundi wikinga kuri Allah ngo amurinde Shitani usibye umusazi.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee